**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**MINISITERI YA SIPORO N'UMUCO**

## ITANGAZO RIGENEWE ABANYAMAKURU

**Umuganura 2017**

Ministeri ya Siporo n'Umuco iramenyesha Abanyarwanda bose ko nk'uko bisanzwe buri mwaka, umunsi w'Umuganura wizihizwa ku wa gatanu wa mbere w'ukwezi kwa Kanama. Muri uyu mwaka wa 2017, uyu munsi uzahurirana n'itariki ya 04 Abanyarwanda bose bazaba bitabira igikorwa cyo gutora Perezida wa Repubulika y'u Rwanda.

Kubera iyo mpamvu, kwizihiza Umuganura ku rwego rw'Igihugu byimuriwe ku Cyumweru tariki ya 27 Kanama 2017, bikazabera mu Karere ka Nyanza mu Ntara y'Amajyepfo. Uzabanzirizwa n'igitaramo ngarukamwaka **"I Nyanza Twataramye"** giteganyijwe ku wa gatandatu, tariki ya 26 Kanama 2017.

MINISPOC iramenyesha kandi Abanyarwanda ko ibikorwa bibanziriza umunsi Mukuru w'Umuganura, bizahera tariki ya 20 bigeze ku itariki ya 27 Kanama 2017. Ibi bikorwa bizabanzirizwa n'iserukiramuco ngarukamwaka rya **"Kigali-Up Festival"** ku itariki ya 19 n'iya 20 Kanama 2017, mu mujyi wa Kigali.

Usibye ibirori ku rwego rw'Igihugu bizabera mu Karere ka Nyanza, Umuganura uzizihizwa ku rwego rw'Intara, Umudugudu ndetse n'umuryango, no ku rwego rwa za Ambasade z'u Rwanda n'Imiryango y'Abanyarwanda baba mu mahanga.

Insanganyamatsiko y'Umuganura iragira iti: **"UMUGANURA, ISÔOKO Y'UBUMWE N'ISHINGIRO RYO KWIGIRA"**

Minisiteri ya Siporo n'umuco iboneyeho umwanya wo gutumira Abanyarwanda bose n'inshuti z'u Rwanda kuzifatanya muri ibi birori by'umuganura dusangira ibyiza twagezeho. Uwakenera ibindi bisobanuro yahamagara kuri nimero 0788558319 Umuyobozi w'Ishami ry'Umuco cyangwa se kuri 0788971899 PRO-MINISPOC

MINISITERI YA SIPORO N'UMUCO

**Lt.Col.Patrice Rugambwa**

**Umunyamabanga Uhoraho**